SEMIKORE Innocent
BP 42 Kigali.

Kimisagara le 3/09/1990.

A traiter par .. MUNO ..........
Date d'entrée .... 05 SEP. 1990
N° classement 3431/DAA/A/Parí

**Ikirego:**
urugomo nagiliwe n'uwitwa Syamuremye Emmanuel alias MBOGO. n'abo bali bafatanije balimo uwitwa Bukaka Fulgence.

Nyakubahwa Procureur wa Republika Parquet ya Kigali
Kigali

Bwana Procureur,

Mbandikiye ngira ngo mbagezeho ikirego cyange ndega abitwa Syamuremye Emmanuel alias Mbogo n'abandi bali bafatanije balimo uwitwa Bukaka Fulgence, Kubera urugomo bangiliye bakankubita bakankomeretsa.

Bwana Procureur,

Mu ijoro byo ku 2/9/1990 ahagana mu masaa mbili ya ni mugoroba, nali nturutse ku muhanda mvuye guherekeza abashyitsi ngeze imbera ya Boutique yo kwa Syamuremye Emmanuel alias Mbogo. mpamagarwa n'uwitwa Gatama Silas na Kweli Jean Baptiste kugirango bampe félicitation kubera akana nagutse. Ndahagarara, baraza bansanga mu muhanda imbere ya Boutique. Noneho Bati dufite inzoga aguwino usomeho. Umutima uranga, nti nimuze tujye mu yindi boutique nti hano. Bali bagiye kuhankubitira, na none bitewe n'uwo Mbogo. Naho ibyo twavugaga byose Mbogo yarabyumviise akoranya abantu muli iyo boutique. Ubwo twagezeho ndabemerera. Bugezemo bahise bivumbagatanya ngo ntibashaka umuntu ubegera. Turabihorera biba ibyo'ubuke. Ubwo Mbogo

atangira gufata ibikumbe by'amamesa abikubita hasi amamesa akisuka aho twali duhagaze kuli comptoir. Ubwo ntibyatinze ~~ubwo~~ bahita bamfata mu ijosi turagundagurana nshaka gusohoka. Muli abo bantu uwo nibuka cyane ni Mbogo na mu bantu be hakabamo mubyara wa Bukaka witwa Safali bavuga ko badashaka umuntu ubegera muli iyo boutique kandi ntali nakagize icyo mfata aho. Yemwe n'abali baje kuntengerera batarasangiraga nabo. Ubwo nalirutse ngeze ku muhanda Mbogo anjirukaho ankubita inshyi ebyili (2). Ubwo twahise tuzamuka
Gatama ahita ataha
Aliko nsiga mbwiye Mbogo ko ntigarana na Kweli Jean Baptiste.
Nibwo tugiye mu Kabali ka Kweli Jean Baptiste kugirango manze ntekereze kuli ibyo byali bimaze kuba. Tumara igice cy'isaha umugore we agikora contrôle y'akazi asanzwe akora muli coopérative CORWAPRA. Bitinze gato nasabye Kweli Jean Baptiste kumperekeza ngo nitahire. Tugeze aho imbere yo kwa Bukaka aliho uwo Mbogo akodesha, ubwo twahasanze igitero kigizwe n'abantu bafite ibyuma n'imihini, nibwo mu bulyo buntunguye Mbogo ahubutse amfata mu ijosi avuye mu mizengo aho yali yihishe, ashaka kuntera icyuma yali afite mu gahanga, ndacyitaza, kinkomeretsa ku kanamwa. Kubera kuntungura n'igitero cy'abantu be alibo cyane cyane Bukaka na Safali bavugaga ngo banyice, nakomeretse no mu kanwa kubulyo amenyo amwe n'amwe aje gajega kubera amakofi bakubitaga. Naje kubacika nshaka guhunga. Nirutse, umwe mu gitero cy'abantu be akaba na murumuna wa Mbogo, ankubita urubaho mu rubavu rw'ibumoso kirantegabaza nitura hasi aliko nolongera ndihangana ndiruka. Ubu mfite igikomere kinini n'imyenda nali nambaye yahise icika.

Ubwo mu gitondo cyo kuwa 3/9/1990 nazindukiye kwa muganga kwivuza. Aliko ngarutse nagiye gushyikiliza Conseiller wacu wa Kimisagara urugomo rukabije nagiliwe. Kugeza ubwo badufungiye inzira ngo barebe aho tuzajya tunyura. Ubwo natize Conseiller agiye gukora enquête ngo arebe aho ukuli guherereye.

Bwana Procureur,

Icyo nongera kuli iki kirego cyange, ni uko noneho bivugije ko ngo ninaniira abantu babo, ahubwo bazantera mu rego. Kubera izo mpamvu, ndishinganye kugirango umuntu nagize icyo mba cyangwa umuntu wange, muzakulikirane abo bagizi ba nabi. Na none kandi muzikulikiranire imigenzereze y'abo bantu mbaregeye, ~~[illegible]~~ ~~[illegible]~~ kugirango murimenyere namwe uko bifata ~~[illegible]~~ ~~[illegible]~~.

Ndangije mbasaba kundenganura muli ako karengane, abo bagizi ba nabi batifuza amahoro bagahanishwa amategeko ahana abanyarugomo nkabo.

Mbaye mbashimiye.

SEMIKORE Innocent

[signature]

Kwa. ca 3/9/1990.

/ H.I/______/.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PARIKI YA REPUBULIKA
GISENYI.

R.M.P.6I.542/S4/MF/ST

URWANDIKO RUZANA UREGWA KU GAHATO (Mandat d'amener).

(Itegeko ryo kuwa 23 Gashyantare 1963, ingingo ya 25).

NKUKO RYAHINDUWE KUGEZA UBU.

Umushinja-cyaha mu Rukiko rwa Mbere rw'iremezo rwa Gisenyi;
Amaze kubona ibimenyetso byagaragajwe n'iperereza bishinja. . .
HABARUGIRA Nicolas. . . . . ~~xxxx~~ Agent de la SONARWA Kigali . . . . . . . . . na . .
. . . . . . . . . . . . . utuye Nyamirambo . . . Komini. NYARUGENGE . . . . .
Prefegitura. KIGALI . . . . . . . ushinjwa émission de chèque sans ~~xxxxxxxx~~ provision
ingingo ya 435 . y'igitabo cya II cy'amategeko ahana ibyaha.

Amaze kubona ko ushinjwa atabonetse, kandi agomba kwitaba, hakurikijwe ingingo ya 25 igika cya 2 cy'itegeko ryo kuwa 23 Gashyantare 1963 lishyiraho imiburanishilize y'imanza z'inshinja-byaha, nkuko ryavuguruwe kugeza ubu.

Ategetse ko HABARUGIRA Nicolas. . . . . wavuzwe haruguru afatwa akazanwa imbere ye.

A traiter par Nuwo... 22/9/90
Date d'entrée 20 SEP. 1990
N° classement 3600 (D22) [illegible]

Bikorewe i Gisenyi. kuwa 7/9/90 . . .

Umushinja-cyaha.
HITIMANA Antoine.

REPUBLIQUE RWANDAISE
PARQUET DE LA REPUBLIQUE
GISENYI

N.B.: Dusabye Bwana Procureur wa Republika i Kigali twongeye kunyuzaho uru rupapuro rwo gufata HABARUGIRA Nicolas, ko yadutera inkunga kuli iki kibazo kugirango uwo muntu aboneke .

2 ième MANDAT DE COMPARUTION.- Voir JN.-

/NS.FX/ H. L. /

REPUBULIKA Y'U RWANDA

PARIKE YA REPUBULIKA

GISENYI.

URUPAPURO RUHAMAGARA KWITABA.

(Itegeko ryo kuwa 25 Gashyantare 1963 ingingo ya 5)

Twebwe. HABINSHUTI Floribert . . . . . umushinja-cyaha mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi . . . . . . . . . . dusabye. HABARUGIRA Nicolas ////. Agent de la SONARWA . . KIGALI . . . . . . . . . . . . . . .

utuye. Nyambirambo . . . . . . . Komini NYARUGENGE . . . . Prefegitura. KIGALI . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . kutwitaba kuwa. 21/06/90 . . . . . . . . . .

saa. mbili . . . . . . . . . . . . za mugitondo . . . . kugira ngo abazwe kubyo ashinjwa kandi tumumenyesha ko aramutse atitabye azafatwa nkuko itegeko ribitegenya.

Ariyo mpamvu dusinye ili hamagara.

Bikorewe i Gisenyi . . . . . . . kuwa 07/06/90 . . . . . . . .

Umushinja-cyaha.

HABINSHUTI Floribert.

(signature)

REPUBLIQUE RWANDAISE PARQUET DE LA REPUBLIQUE GISENYI

Abimenyeshejwe natwe:

-Burugumestiri wa Komini. . . . . . . . . . . . . .

-Umujyanama wa Segiteri . . . . . . . . . . . . . . .

-Kuri uyu munsi wa . . . . . . . . . . . . . . .

umwaka w'igihumbi magana cyenda . . . . . . . . . . . . . . .

tubibwira. . . . . . . . . . . . .

(musibe ibitari ngombwa).

-Bwana Prokireri wa Republika i Kigali.

NB: Dusabye Bwana Prokireri rwa Republika i Kigali tuyujijeho uru rwandiko gusinyisha HABARUGIRA Nicolas kuli izi nzandiko zombi, hanyuma rumwe (Origil) akaruha HABARUGIRA Nicolas kugira ngo azarwitabane naho urundi (Copie) akarutwohereza kugira ngo tuzashobore kumenya neza ko ili hamagara lyageze kuli HABARUGIRA Nicolas.

Tuboneyeho kandi kumenyesha HABARUGIRA Nicolas ko naramuka akomeje kwanga kwitaba azafatwa ku ngufu za Leta.

HABARUGIRA Nicolas

(signature)

(signature)

REPUBLIQUE RWANDAISE PARQUET DE LA REPUBLIQUE KIGALI

NSANZUWERA F.-Xavier

Procureur de la République

TWAGIRAMUNGU J.Damascène
Résidant Kimi•anga-Kimihurura
Chauffeur AIR-RWANDA
B.P.808 KIGALI.-

Kigali, kuwa 10/09/1990.

Musabyimana

A traiter par ..............................
Date d'entrée ....15 SEP. 1990.........
N° classement 3.565/011/A[illegible]

Nyakubahwa Bwana Prokureri wa Republika
y'u Rwanda
Parquet KIGALI.

**IMPAMVU:** Kwibutsa ikirego
kili kwa IPJ.MUSABYIMANA
Albert MP.c/MUKARURANGWA B.

Nyakubahwa Bwana Prokureri,

Mfite dossier ili kwa IPJ. MUSABYIMANA Albert itagituma nsinzira. Iyo dossier yerekeye ibitutsi n'amagambo y'amateranya, amazimwe nagiliwe n'umugore witwa MUKARURANGWA Béatrice.

Uwo mugore, kuwa 30/7/1990 yashatse kunsenyera anteranya n'umugore wanjye ambeshyera ko nsambana n'umuyaya wanjye, naratashye umugore anyakirana umujinya n'uburakali, nibwo bwa mbere kuva twashakana mbonye ababaye, aranyihererana ambwira ibyo Mukarurangwa yamubwiye byose; ko nsanzwe nsambana n'umuyaya wanjye. Mbyumvise birambabaza cyane sinashobora kubyihanganira nsohokana uburakali bwinshi, mvugira muli rusange hanze nti " Sinshaka inkozi zibibi z'abagore basa kunteranya n'umugore wanjye " Abanyumvise baryumaho kuko babonaga mbabaye cyane.

Bwake mu gitondo MUKARURANGWA ajya kundega kwa IPJ MUSABYIMANA Norbert, arampamagara ndamwitaba, ndabimusobanulira, aliko ntiyashaka kunyumva ahubwo anca amafranga 5.000 yo kutwunga aliko we ntiyagira n'ifranga na limwe amuca kandi aliwe watukanye ibitutsi bikabije cyashoboraga kuntandukanya n'umugore wanjye.

1

Kuwa 18/8/90 saa saba za njoro, ndikumwe n'umugore wanjye dutashye tuvuye mu bukwe, dusanga MUKARURANGWA yicaye kurubaraza rw'inzu yanjye, adutuka ibitutsi bikabije " Ngo ndi imbwa y'umushoferi iryamana n'umuyaya, maman wanjye n'imbwakazi; ngo n'umugore wanjye n'indaya " Arakomeza arisararanga atukana ibitutsi by'indaya, abaturage benshi barabyuka ndetse na KAYIBANDA F Fabien umukuru wa Cellule araza nawe aramutuka.

8

Byababaje abantu benshi bavugaga ko asanzwe ali igishegu; hali Sekidende, Kazungu, Bitarama, Mirali, Prospère fils Revokati, Kayitana, Maman Sekidende, Prospère bita murokore, Daniel, Aaron na Madamu we, Revocati, bamwe muli bo babajijwe muli iyi dossier. Ubwo MUKARURANGWA yanyigambaga biyumvira, yiyemeza ko yanshishije amafranga 5.000Frw aliko ngo ko yashoboraga no kunshisha 10.000Frw cyangwa ngo akamfu-

../..

ngisha, yerekana kumugaragaro ko IPJ uwo amwishyikiliyeho, kandi koko yanabishobora kuko vuba aha aherutse guhemukira umugabo witwa MUNYA-MASHARA Amucisha amafranga 8.000Frw ayatanze ku gahato nta quittance bamuhaye, yigura bashaka kumufunga. None yararyohewe, ubu asigaye atera mu nzira umugore wanjye yiviliye ku kazi akamutuka.

Uko bili kose, ubwo buryo bwo gushaka amafranga abufatanyije na IPJ. MUSABYIMANA Norbert ku mpamvu zizwi n'abantu benshi. Namushyikilije ikirego cy'ibyo bitutsi ,n'umukuru wa Cellule Kayibanda Fabien amwohererereza rapport d'enquête yo kuwa 23/8/90 aliko ntiyagira icyo amutwara.

Ubu ndahamagarwa ubutitsa nk'uwkshe umuntu nishyuzwa ibihumbi bitanu nkaho mulimo umwenda. Ese ninjye watukanye igitutsi gikomeye kiruta kubeshyerwa gusambanya umuyaya ? Cyangwa gisumba amarorerwa nagiliwe mu ijoro ryo kuwa 18/8/90 kandi mfitiye abagabo.

Ubu maze kurambirwa guhora nilirwa kuli Parquet, nsiba akazi ka AIR RWANDA BIKABA mbyamviramo no kwirukanwa, urugo rwanjye rugasenyuka; kandi narangije kumenya ko IPJ MUSABYIMANA Norbert afitanye ubuliganya bwinshi n'uwo mugore.

Turabizi mufite abakozi bitonda, Nyakubahwa Bwana Prokureri, ndabasaba ko ayo madosiye muyakura mu maboko ya IPJ. MUSABYIMANA Norbert mukayaha abandi bashobora gukulikirana ibyaha MUKARURANGWA Béatrice yagiliye umuryango wanjye; agashyikilizwa inkiko zibigenewe zikandenganura. Mumenyereho ko amafranga asigaye ashakwa mu buryo bwinshi.

Mbaye mbashimiye kunyumva.

TWAGIRAMUNGU J.Damascène.

BIMENYESHEJWE :

- Bwana Prokureri Generali
  wa Cour d'Appel
  KIGALI.

KAMPIRWA Cathérine
C/O MUKABUSHAKU Marie
MINICOM, B.P. 479
KIGALI.

Le 29/09/1990

A traiter par ........ MUNO 16/10 90
Date d'entrée .... 12 OCT. 1990
N° classement .3847/Dn/Afloré

Nyakubahwa Bwana Procureur wa Parquet ya Républika, i Kigali.

Nyakubahwa, kw'italiki ya yatatu y'ukwezi kwa kalindwi no kw'italiki ya 17.09.90 nabandikiye imibereho mibi dufite jyewe n'umwana duterwa n'umugabo wanjye hamwe n'abacumbitsi bene wabo batubereye mu nzu, hamwe nuwitwa umukozi murugo ushinzwe gusa kumerera nabi murugo anteranya n'umugabo wanjye.

Na none ku italiki ya 18/09/90 Umugore wa wa mugabo KAREHE François mwene wabo n'umugabo wanjye yigabije umulima wacu arawuhinga kandi naramubujije inshuro ebyili zose kandi nali narabonye kare ko uwo mulima uzatera ibibazo, mbibwira Conseiller wa Secteur Kicukiro ambwira ko ngomba kumuhinga anabibwira umugabo wanjye nawe arabyemera bati: uzahinge kuko Conseiller yamubwiraga ko nanjye nywukeneye, ntakazi kandi naho nakagira uwo mulima nawugizeho uruhare runini arukuwaka nyirayo ali no kuwugura. Kuki jye n'umwana twavutswa umutungo twashakanye n'umugabo wanjye.

Nahagaritse uwo yohereje guhinga akaba atali imuhira. Uwo mugore niyicariye kwibaraza lyacu mbona umugore amanutse arakaye angeze imbere ngo kuki wandaya we wankuliye umuhinzi mu mulima, ngo twahawe n'umugabo ntitugomba kwamburwa n'umugore mpagurutse aho nicaye abonye mpagurutse mbona alirutse agenda avuga ngo munkize umusazi. Icyo nakoze ni ukwisekera, ajya muli famille z'inshuti ze ati: umugore yaranteye inkota hashize iminsi ibili atangira kuvuga ngo namuteye umuhoro, ngo kandi uwo muhoro arawufite, mu matiku ye hali aho yibagirwa ko hali abantu bamubonye agenda n'uwambonye aho nali nihagaraliye.

Kw'italiki ya 27/09/90 yaduteje mubyara w' umugabo we wahaje atorotse muli Komini, asabirwa akazi muli OVIBAR ya teye umukobwa w'inshuti yanjye ucumbitse munzu yo kwa KAREHE adutuka ngo azatwica uwo mukobwa jye namwishywa wa KAREHE ngo nukingishije Métallique yarumuswhanyagulira aho akamwica, ngeze murugo barabimbwira, mpamagara umugore ufite akabali munzu yacu. Umugabo yashyizemo atambwiye, nta wese bitumamo yabiteganilijwe, nijye ukubura aho mu nkali mugitondo, salon ifatanye naho banywera ntushobora kuganilirahо urusaku rw'abanywi bambuza gusinzira, mugihe nabwiraga uwo mugore ko akwiye kuzasezerera uwo mugabo wilirwa antuka, nibwo yumvise antera anyujije mw'idilishya andasiraho ikibiliti ambwira uko mfaswhe kandi ko mugihe gito nzava murugo ko umulima wabo bazanyereka icyo balicyo. Ubwo ambuza gusohoka mu nzu nanyuma yaho akaza mugikari agafatanya na soit disant umukozi kuntuka ntambutse.

Uyu munsi le 29/09/90 nashyikilije ikirego Conseiller yabatumije, none uwo muhungu yilirwa ampigira ngo azanyica kandi uwo muntu ntacyo dupfa. anaje ino vuba, uretse gutumwa uwo muntu undalira jyewe jyenyine na KABALI akanyura inyuma dore ko umugabo yayiciyemo uduce twagukodesha bakajya muli chambre ibangikanye n'iyanjye kuko Plafon itagera hejuru bakantuka ndyamye numva, cyangwa mpise maze ,maze kubinanirwa akaba aliyo mpamvu nasabye ubutegetsi ko bwandenganura mu rugo rwanjye. Ngibyo ukw'ibintu byifashe mu rugo. Sinshobora gusaba akandi kazi ntamukozi batuma ahaba.

KAMPIRWA Cathérine. Kampe.

ILYIVUZE Adiel
c/o CCCE
B.P. 1014
KIGALI

Kigali, le 15 /11 / 1989

A traiter par ...IP1 MWNO... 4
Date d'entrée ...20 NOV. 1989...
N° classement ...5017/011/A/Proc

Impanvu : Kurega

Militant Procureur wa Répubulika y'Urwanda
i KIGALI
-

Militant Procureur,

Ndarega Cpl NSABIMANA Fidèle c/o AR-Escadron-Recce Kgli
Sdt NDIBYARIYE c/o AR-Base-KIGALI
Kuba barantereye amabuye kunzu amabati agatoboka :

Hari mu rukerera le 2/11/89 saa cumi na cuminitanu (4h15) amabuye menshi yatewe hejuru y'inzu yanjye ubgo dutabara bwangu tubona abantu bahunga ahaterwaga amabuye turabasatira, dusanga muribo umwe ar'umusilikare wambaye imyenda y'akazi undi yambaye civil ntibatinze kutwibwira yuko arabasilikare : ubgo batubwira yuko barwanaga n'ibandi bari bafashe yambura umuntu utazwi, ngo barayikubita babonye igiye gupfa barayireka irigendera igeze imbere ngw'itangira kubatera amabuye aliyo bavuga ko yaguye kunzu zanjye. Ubgo tubahata ibibazo kuko ntabandi twabonaga, n'uwo bavuga yuko batabaye ntiyashoboye kugaragara ibisobanuro bibabanye bikeya ubgo Sdt NDIBYARIYE aba aradusize, Jeep L.R. ya Gendarmerie iba irahageze tubibgira Lt warurimo ubgo aradupakira no kuri Brigade ya Muhima adushyikiriza Lt wari kwizamu, nawe abonye ikibazo kirimo abasilikare, atujyana muli Camp P.M. kwizamu adushyikiliza Chef de poste : ubgo Cpl Fidèle NSABIMANA bamwaka ibyangombwa byuko arumusilikare kuko yari yambaye civil, arabibaha, aliko bamukeka amababa. Bamusatse bamusangana umupanga yambariyeho. Ubgo bafashe adresse na n° za Téléphone zanjye ubgo p.m isigarana umu caporal wabo, kuko chef de poste yari yanabyukije Officier de semaine wa p.m. mu muhima : jye ndataha. Baje kunterephona saa tanu (11h) ubgo ngeze mu Muhima Lt SEBAHINZI c/o AR Escardon-Recce ambaza uko byagenze n'ubulyo twafashe uwo mu Cpl Fidèle NSABIMANA kuko undiwe yari yaducitse, ndetse Lt SEBAHINZI ajya iwanjye kureba uko inzu zononekaye : Bigejeje le 9/11/89 antumira mu kigo i Kigali ambaza uko byagenze yandika : arangije ambwira yuko we arugukora rapport yuko byagenze gusa, adashobora kwishyuza abo basilikare ibyobononnye iwanjye ambwira yuko nshatse indishyi z'ibyanjye narega munzego zibishinzwe : ubgo njya gutanga ikirego kuri Brigade ya Nyamirambo kuko ariyo secteur yanjye S/Lt chef de Brigade ambgira yuko nkwiriye kubarega kuri parquet ya Kigali.

..../....

Ubgo le 12/11/89 ngeza ikirego cyanjye kuri parquet kubashinzwe ibibazo by'abaturage, bambgira yuko nkwiriye kurega nkoresheje inyandiko nvugo none ngiyo : Cpl NSABIMANA Fidèle na Sdt NDIBYARIYE bitwaje yuko ibandi bakubise ariyo yateye amabuye inzu yanjye, ibyo ntakuri kurimo, kuko nubgo bivugira yuko barwanye nilyo bandi batigeze bahungira iwanjye kuko urugo rwari rufunze, bityo ibandi bavuga ikaba itari gutera amabuye iwanjye ntacyo ihashaka. Baritwaza yuko har'umuntu bakijije amabandi, nābyo ntashingiro bifite kuko uwo muntu ntiyabonetse ndetse ntazwi, kunva yarabatereranye bamutabaye ibyo ntibisobanutse na gatoya : Amabandi bavuga ntayabonetse, uwo barengeraga nawe ntawamubonye, inzu yanjye nayo yarononekaye bityo Militant-Procureur Général nkaba mbasaba yuko mwankurikiranira abo banyononeye inzu ikaba yasanwa.

Mugire akazi keza.

ILYIVUZE Adiel

C.I.: Chef d'Etat Major A.R.

Procureur Général près de la Cours d'Appel - KIGALI

Comd-Base A.R. - KIGALI

Comd-Escadron-Recce - KIGALI.